# 98: Ndumva k' umutim' ukeye

1.

Ndumva k' umutim' ukeye: Biranejeje rwose ! Ndakijijwe, ndakijijwe : N' umunezero cyane !
Ibyaha byanjye byogejwe N'amaraso ya Yesu; Agahinda kamvuyemo : Sinkir' umunyabyago.

2.

Nishimiye, nishimiye Ko ntegekwa na Yesu. Murokozi, Murokozi, Nemeye kub'
uwawe. Wanyikuriye mu byaha,Wowe, Ntwari y'lmana; Wandokorey' umutima Kand'umpaye
kubaho.

3.

Waj' unshakan' urukundo,Ubwo nari nzimiye. Wankuye mu byaha byanjye,Unyigirir' uwawe.
Mpereye none n'iteka, Ni Wowe nziringira; Kubaho
kwanjye kurindwe N'amaboko ya Yesu.

4.

Ndakuririmbira, Mwami;Namwe ndababwiriza . Ibyo Yesu yankoreye:
Birantangaza rwose.Kuko yemeye kumfira, Akamber' igitambo, Umutima wanjye
wose N' uw'Uwawucunguye.

Visit us at indirimbo.com